Repubulika y'u Rwanda

**Inteko Ishinga Amategeko**

# IMYANZURO Y'INAMA NYUNGURANABITEKEREZO KU MITERERE Y'INGENGABITEKEREZO YA JENOSIDE MU KARERE, INGARUKA ZAYO N'INGAMBA ZO KUYIRWANYA

05 Werurwe 2025

---

Ku wa 05 Werurwe 2025, mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko, habereye Inama Nyunguranabitekerezo ku miterere y'ingengabitekerezo ya jenoside mu karere, ingaruka zayo n'ingamba zo kuyikumira no kuyirwanya, yahuje abagize Inteko Ishinga Amategeko n'abahagarariye inzego zitandukanye.

Inama yatangijwe na Nyakubahwa Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier. Mu ijambo rye yibukije impamvu Inteko Ishinga Amategeko yatekereje kuri iyi nama nyunguranabitekerezo n'umusaruro uyitegerejwemo.

Abitabiriye inama nyunguranabitekerezo bagejejweho ibiganiro bikurikira:

- Ibyagaragariye ihuriro AGPF ku miterere y'ingengabitekerezo ya jenoside mu Rwanda, cyatanzwe na Senateri Prof. DUSINGIZEMUNGU Jean Pierre;
- Uruhare rw'ubukoloni ku bibazo biri mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo (DRC) n'ingaruka ku mibanire y'u Rwanda na DRC, cyatanzwe na Depute MUZANA Alice;
- Ingengabitekerezo ya jenoside mu karere, ingaruka zayo n'ingamba zo kuyikumira no kuyirwanya, cyatanzwe na Dr. BIZIMANA Jean Damascène, Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano mboneragihugu;
- Ibibazo by'umutekano muke mu Burasirazuba bwa DRC n'ingaruka bigira ku Rwanda, cyatanzwe na Gen. (Rtd.) KABAREBE James, Umunyamabanga wa Leta ushinzwe ububanyi n'amahanga n'ubufatanye n'akarere;

Nyuma yo kugezwaho ibiganiro no kungurana ibitekerezo abitabiriye Inama Nyunguranabitekerezo basanze:

1. Imizi y'ingengabitekerezo ya jenoside ikomeje kugaragara mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo ikagira ingaruka ku Rwanda ishingiye ku mateka y'ubukoloni bitewe n'imipaka yashyizweho ku buryo budasobanutse byatumye abaturage benshi bavuga ururimi rw'Ikinyarwanda bahinduka abaturage ba Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo;

2. Imiyoborere mibi n'ubushake buke bwa politiki ya DRC mu gukemura ibibazo bihari byatumye abaturage bavuga ururimi rw'Ikinyarwanda bafatwa nk'abanyamahanga, ibyo biteza amacakubiri, imvugo z'urwango n'ubwicanyi byibasira abo baturage, cyane cyane Abanyekongo b'Abatutsi;

Bashyigikiye ko:

3. Ingamba za Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda akaba n'Umugaba w'Ikirenga w'Ingabo z'u Rwanda zo kurinda umutekano w'Abanyarwanda no kurengera ubusugire bw'igihugu cyabo, zikomeza gushyirwa mu bikorwa;

4. Ikibazo cy'umutekano muke mu Burasirazuba bwa DRC gikemurwa binyuze mu nzira z'ibiganiro bitaziguye hagati y'impande zishyamiranye ari zo DRC n'Umutwe wa M23, nk'uko byemejwe mu myanzuro y'inama yahuje Abakuru b'Ibihugu bigize Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EAC) n'Umuryango w'Ubukungu w'Ibihugu byo muri Afurika y'Amajyepfo (SADC), bigashyigikirwa n'Umuryango w'Afurika yunze Ubumwe;

Bamaganye:

5. Abakwirakwiza ingengabitekerezo ya jenoside mu karere barangajwe imbere na Leta ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo (DRC) ifatanya n'umutwe wa FDLR ugizwe n'abakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, imitwe yitwaje intwaro ishingiye ku moko izwi nka Wazalendo na Leta y'u Burundi;

6. Ibihugu n'imiryango mpuzamahanga birebera ishyirwa mu bikorwa ry'ingengabitekerezo ya jenoside harimo itotezwa n'ubwicanyi bikorerwa Abanyekongo b'Abatutsi ndetse abandi bagakomeza kuba impunzi mu bihugu bitandukanye;

7. Umugambi wa DRC n'uw'u Burundi wo gukora ihuriro rigamije gukuraho ubutegetsi buriho mu Rwanda kugira ngo umutwe wa FDLR ugizwe n'abakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ukomeze umugambi wo gukora jenoside;

8. Raporo z'impuguke mpuzamahanga z'Umuryango w'Abibumbye zibogamye, zirengagiza ingengabitekerezo ya jenoside iri mu karere;

9. Imvugo zikwirakwiza ibinyoma bivuga ko inkomoko y'amakimbirane mu Burasirazuba bwa DRC ari u Rwanda rushaka gucukura amabuye y'agaciro, mu gihe ubushakashatsi mpuzamahanga bugaragaza ko ubutaka bw'u Rwanda bufite amabuye y'agaciro akaba yaratangiye no gucukurwa mu gihe cy'ubukoloni bw'Ababiligi ari nabo bakoze inyigo z'aho aherereye kandi ubucukuzi n'ubucuruzi bwayo bukaba bugenzurwa mu rwego rwa ICGLR n'ibigo mpuzamahanga bibifitiye ububasha;

10. Ibihugu n'Imiryango mpuzamahanga bitubahiriza ibyemezo mpuzamahanga byose byafatiwe FDLR ku rwego rw'Umuryango w'Abibumbye, Umuryango w'Ibihugu by'Iburayi, Umuryango w'Afurika Yunze Ubumwe n'ibyemezo by'Inama z'Abakuru b'Ibihugu na za Guverinoma zigize Imiryango y'Akarere SADC na EAC;

11. Ibihugu byihutira gufatira ibihano u Rwanda bigaca intege inzira y'imishyikirano kandi bikaba bigaragaza kubogama muri iki kibazo;

Biyemeje:

12. Gukangurira izindi Nteko Zishinga Amategeko kugira uruhare mu kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside binyuze mu gutsura umubano n'Inteko Zishinga Amategeko;

13. Gukangurira Abanyarwanda muri rusange n'urubyiruko by'umwihariko kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside hifashishijwe ikoranabuhanga cyane cyane imbuga nkoranyambaga mu guhangana n'abakwirakwiza ingengabitekerezo ya jenoside n'imvugo zibiba urwango mu karere.

14. Gushyira imbaraga mu bukangurambaga bugamije kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside, inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage zikabigiramo uruhare rugaragara;

15. Gukomeza gusobanurira Abanyarwanda imiterere y'ikibazo gishingiye ku mutekano muke mu Burasirazuba bwa DRC, gushyira imbaraga mu kwishakamo ibisubizo, kwihesha agaciro no gushimangira ubumwe bwabo.